REPUBULIKA Y' U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

IJAMBO RYA MINISITIRI W'IMARI N'IGENAMIGAMBI, JAMES MUSONI RIGEZA KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO IBIKUBIYE MU MUSHINGA W'INGENGO Y'IMARI YA LETA Y'UMWAKA WA 2009/2010

Ku wa 11 Kamena 2009

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena,
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite,
Ba Nyakwubahwa ba Senateri,
Ba Nyakubahwa Badepite,
Namwe mwese muteraniye hano,

1. Nk'uko bitegenywa n'amategeko cyane cyane ingingo ya 79 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ndetse n'ingingo ya 42 y'Itegeko Ngenga ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu; Mu izina rya Guverinoma, nejejwe no kubagezaho Umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka wa 2009/2010;

2. Uyu mushinga w'ingengo y'imari ya 2009/2010 ngiye kubagezaho niwo mushinga wa mbere ujyanye n'ingengabihe y'ingengo y'imari y'umuryango w'ibihugu by'iburasirazuba bw'Afrika u Rwanda rwashyizeho umukono wo kuba umunyamuryango tariki ya 18 Kamena 2007.

3. Mu gutegura uyu mushinga, hashingiwe ku ngamba z'iterambere ry'ubukungu no kurwanya ubukene (EDPRS), kuri gahunda ya guverinoma y'imyaka irindwi, ku ntego z'iterambere z'ikinyagihumbi (MDGs), no ku cyerekezo 2020 (Vision 2020).

4. Nk'uko nabisobanuye igihe nabagezagaho imbanzirizamushinga y'uyu mushinga, ibibazo byahungabanije ubukungu bw'isi byatangiye kutugeraho akaba ariyo mpamvu ubukungu bwacu buziyongera ku gipimo kiri hagati ya 5% na 6% mu mwaka wa 2009/10 ugereranije na 11.2% bwiyongereyeho mu mwaka wa 2008, naho imiterere y'ibindi bipimo by'ubukungu biri mu nyandiko nabagejejeho igaragaza imirongo migari ingengo y'imari ya Leta izagenderaho mu mwaka wa 2009/2010 kugeza mu mwaka wa 2011/2012 (Budget Framework Paper).

5. Umushinga w'Ingengo y'Imari uteganya amafaranga angana na Miliyari RwF 838 bingana na 27.5% by'umusaruro w'igihugu (Nominal GDP), akaba yiyongereyeho 24% ugereranije n'ingengo y'imari y'umwaka wa 2008. Ayo mafaranga azinjira mu ngengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2009/2010 ateganijwe ku buryo bukurikira:
    a. Amafaranga ava imbere mu gihugu (Domestic revenue) angana na Miliyari RwF 427 bingana na 51% by'ingengo y'imari yose. Ayo mafaranga agabanije mu bice bikurikira:
        i. Imisoro n'amahoro (Tax revenue) bingana na Miliyari RwF 368;
        ii. Amafaranga atava ku misoro angana na Miliyari RwF 33.5;
        iii. Amafaranga azaturuka mu kubikuza mu Kigega cya Leta ndetse no ku nyandiko mpeshwamwenda (Treasury bill) angana na Miliyari RwF 25.7;

    b. Amafaranga azaturuka hanze y'Igihugu ku mpano z'abaterankunga angana na Miliyari RwF 342.2 bingana na 41% by'ingengo y'imari yose;

    c. Inguzanyo zizaturuka hanze y'Igihugu zingana na miliyari RwF 68.6 aribyo bingana na 8% by'ingengo y'imari yose.

Muri rusange, amafaranga azava imbere mu Gihugu hiyongereyeho inguzanyo tuzishyura zizava hanze angana na Miliyari RwF 495 bingana na 59% by'ingengo y'imari yose

Nyakubahwa Perezida w'umutwe wa Sena,
Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,
Ba Nyakwubahwa ba Senateri,
Ba Nyakubahwa ba Depite,

6. Hashingiwe ku masezerano yashyizweho umukono hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ibihugu bigize Umuryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bw'Afrika, u Rwanda ruzatangira gushyira mu bikorwa kwishyuza amahoro ya Gusutamo rukurikije ibipimo byemejwe n'uwo muryango. Ibi bizatuma U Rwanda rusoresha amahoro ya gasutamo rukoresheje igikipimo cya 25% aho kuba 30% ku bicuruzwa mvaruganda (finished products), 10% ku bikoresho mberabyombi byo mu nganda (intermédiate goods) na 0% ku bikoresho fatizo byo mu nganda (raw materials).

7. Gusoresha amahoro ya gasutamo dukoresheje ibipimo bishya bijyanye n'ibyo mu muryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bw'Afrika duteganya ko bizatera igihombo kingana na miliyari RwF 12.2 ariko aya mafaranga akazishyurwa n'Ikigega cya COMESA gishinzwe gufasha ibihugu bigira igihombo kubera gahunda ya "Economic Integration" kandi ayo mafaranga yashyizwe muri iyi ngengo y'Imari.

8. Ingingo ya 12,3^{o} y' amasezerano ashyiraho umuryango wa za Gasutamo z'Umuryango w'ibihugu by'iburasirazuba bw'Afrika, hamwe n'ingingo ya 14,3^{o} y'amasezerano ashyiraho Umuryango w'Ibihugu by'Iburasirazuba bw'Afrika, zishyiraho uburyo imisoreshereze y'amahoro ya Gasutamo ivugururwa buri mwaka, havuguruwe amahoro ya gusutamo ku bintu bitumizwa mu mahanga, ibyahindutsemo nabyo mukaba mwabishyikirijwe. Nanone kandi Guverinoma yifuje ko umusoro wakwa ku itumanaho rikoresheje telefoni (excise duty on airtime) uzava kuri 3% ugashyirwa kuri 5%;

Nyakubahwa Perezida w'Inteko ishinga amategeko, Umutwe na Sena,
Nyakubahwa Perezida w'Inteko ishinga amategeko, Umutwe w'Abadepite,
Ba Nyakubahwa Ba Senateri,
Ba Nyakubahwa Badepite,

9. Nk'uko nabivuze mu kanya, amafaranga ateganijwe gukoreshwa muri iyi ngengo y'Imari ni miliyari RwF 838, Ingengo y'imari isanzwe ingana na miliyari RwF 489.9 aribyo bingana na 58.5% by'ingengo y'imari yose naho Ingengo y'Imari izakoreshwa mu bikorwa by'imishinga y'amajyambere ingana na miliyari RwF 348.1 bihwanye na 41.5% by'ingengo y'imari yose.

10. Muri iyi ngengo y'imari, ibikorwa by'ingenzi biteganijwe ni ibi bikurikira:

a. Ibikorwa remezo (Infrastructure) byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RwF 190.5, aribyo bingana na 22.7% by'ingengo y'imari yose. Ibyingenzi muri byo n'ibi bikurikira:

i. Kubaka ingomero z'amashyanyarazi zizana MW hafi 40;

ii. Kurangiza imirimo yo kugeza amashanyarazi mu Turere tutayafite twa Gisagara, Kirehe, Ngororero, Nyaruguru ndetse no kurangiza gushyiraho imiyoboro y'amashanyarazi ya Kigali-Kiyumba, Mbarara-Birembo na Rukomo-Munini-Nyagatare;

iii. Kurangiza imirimo yo gusana imihanda ya kaburimbo harimo Kigali – Musanze – Rubavu; Kigali – Gatuna; Ntendezi – Cyitabi; Ruhwa – Ntendezi-Tyazo; Ngororero – Mukamira hamwe n'imihanda yo mu mijyi.

iv. Hazanakorwa kandi imihanda itandukanye ihuza Uturere byagenewe amafaranga angana na miliyari RwF 12.6.

b. Kuzamura umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kubungabunga ibidukikije hamwe n'ibikorwa by'ubucuruzi n'inganda (Productive Capacities) byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RwF 87.9, aribyo bingana na 10.5% by'ingengo y'imari yose. Ibyingenzi muri byo n'ibi bikurikira:

i. Ha 3920 z'amaterasi y'indinganire zizakorwa kandi zibyazwe umusaruro;

ii. Mu biyaga hazaterwa ibyana by'amafi 600 000;

iii. Hazatangwa inka 7000 muri Gahunda ya Girinka;

iv. Hazatunganywa ibishanga ha 2,872;

v. Hazubakwa ingomero 3 zizuhira ibishanga bizahingwamo umuceri;
vi. Mu rwego rwo guteza imbere ikoreshwa ry'ifumbire mvaruganda, hazatumizwa mu mahanga toni 17,400 z'ifumbire;
vii. Hazatuburwa Ingemwe za Kawa zingana na Miliyoni 10;

c. Guteza imbere imibereho myiza y'abaturage byateganirijwe amafaranga angana na miliyari RwF 270.4 aribyo bingana na 32.3% by'amafaranga yose: Ibyi ngenzi muri byo n'ibi bikurikira:

i. Ivuriro ry'Umwami Fayçal rizasanywa kandi rinahabwe ibikoresho bya ngombwa;
ii. Mu rwego rwo kwirinda indwara ya malariya, hazatangwa inzitiramibu 1.300.000;
iii. Gushyiraho "Itorero Ubuzima" no guhugura abakozi bo ku nzego zitandukanye bazaba bari muri iryo Torero;
iv. Abatishoboye 514,250 bazishyurirwa ubwisungane mu kwivuza mu mwaka wa 2009/2010.
v. Gukomeza gushyira mu bikorwa gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda hubakwa ibyumba 1703 by'amashuri abanza n'ay'icyiciro rusange;
vi. «Laptops» 200.000 zizatangwa mu mashuri abanza, mudasobwa 210 zizahabwa amashuri yisumbuye ayandi 10 ahabwe ingufu zituruka ku mirasire y'izuba;
vii. Gutangiza amashami mashya mu mashuri makuru ya KHI, KIST, KIE na SFB ayo mashami ni nko Ubukerarugendo no gufata neza abashyitsi (Tourism and Hospitality Management), Ishoramari n'Amasoko ya Leta (Entrepreunaship and Public Procurement), …

d. Guteza imbere Imiyoborere myiza, Umutekano n'ubutabera no kurinda ubusugire bw'Igihugu (Governance and sovereignty) byagenewe miliyari RwF 289.2 aribyo bingana na 34.5% by'amafaranga yose: Ibyi ngenzi muri byo n'ibi bikurikira:

i. Gukomeza kubaka ubushobozi bw'inzego zishinzwe umutekano mu Gihugu;
ii. Gukomeza gahunda yo gufasha mu gutanga umusanzu mu kugarura amahoro hanze y'u Rwanda (Peace Keeping Missions);

iii. Guha ubushobozi inzego za Leta harimo n'izegerejwe abataruge;
iv. Gukomeza kubaka ubushobozi inzego z'ubutabera;

Nyakubahwa Perezida w'Inteko ishinga amategeko, Umutwe na Sena,
Nyakubahwa Perezida w'Inteko ishinga amategeko, Umutwe w'Abadepite,
Ba Nyakubahwa Ba Senateri,
Ba Nyakubahwa Badepite,

11. Mu rwego rwo kugabanya ingaruka z'ubukana bw'ihungabana ry'Ubukungu bw'isi ku Gihugu cyacu, hafashwe ingamba zikurikira muri iyi ngengo y'imari ya 2009/2010:
    a. Kongera amafaranga azajya mu mu cyaro hagamijwe kongera ubushobozi bw'abaturage binyuze mu mishinga inyuranye itanga akazi. Ibikorwa by'ingenzi biri muri iyi ngengo y'imari byateganirijwe amafaranga angana na Miliyari RwF 233.8, iby'ingenzi akaba ari ibi bikurikira:
        i. Amafaranga leta izanyuza mu Kigega cyo Gushyigikira Iterambere ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali (Rwanda Local Development Support Fund) angana na Miliyari RwF 51; hamwe nayohererezwa Uturere angana na miliyari RwF 94.6.
        ii. Amafaranga y'ibikorwa byo kwegereza abaturage imirongo y'itumanaho (Fiber Optic) angana na Miliyari RwF 21;
        iii. Guteza imbere imyuga n'ubukorikori ndetse n'amakoperative byahawe Miliyari RwF 13;

    b. Kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi-bworozi cyane cyane hitawe ku buhinzi ngandurarugo, bityo abanyarwanda bazabashe kwihaza mu biribwa ndetse banasagurire isoko. Ibi byateganirijwe amafaranga angana na Miliyari RwF 67. Iby'ingenzi akaba ari ibi bikurikira;

    c. Korohereza Ishoramari no gufasha kongera agaciro umusaruro ukomoka mu Rwanda kugira ngo ushobore guhangana ku masoko mpuzamahanga (competitiveness). Ibi byateganirijwe amafaranga angana na Miliyari RwF 214. Iby'ingenzi akaba ari ibi bikurikira:

i. Kubaka ingomero z'amashanyarazi no kuyegereza abaturage;
ii. Gusana imihanda;
iii. Hashyizweho ikigega cyo kubaka ubushobozi bw'abakozi hashyirwamo amafaranga angana na miliyari RwF 10;

d. Gufasha no korohereza amabanki kubona ubushobozi bwo gutanga inguzanyo z'igihe giciriritse n'Ikirekire;

Nyakubahwa Perezidaw'Inteko ishinga amatgeko, Umutwe na Sena,
Nyakubahwa Perezidaw'Inteko ishinga amategeko, Umutwe w'Abadepite,
Ba Nyakubahwa Ba Senateri,
Ba Nyakubahwa Badepite,

12. Mu kwanzura, nagira ngo mbashimire ibitekerezo byiza mwagejeje kuri Guverinoma ubwo yabagezagaho imbanzirizamushinga y'iyi ngengo y'imari.

13. Mboneyeho umwanya wo kubashimira kandi mbasaba ko uyu mushinga w'Itegeko rigena Ingengo y'Imari ya Leta y'umwaka wa 2009/2010 Guverinoma ibashyikirije mwakwemeza ishingiro ryawo, hanyuma itegeko rikazatorwa mu gihe cyagenwe kugira ngo ritangire gushyirwa mu bikorwa kuva tariki ya 1 Nyakanga Umwaka wa 2009.

MURAKOZE!